The concerned decentralized entity may carry out the attachment of any amount of money after it has served a written notice on the tenant or occupant.

The amount that may be recovered from the tenant or occupant of a house shall be limited to the amount of the rent or other money due and payable, but not yet paid, by the tenant or occupant to the owner of the fixed asset. The amount paid by the tenant or occupant shall be deducted from the amount of money he/she owes to the owner of the fixed asset.

Article 33: Access to money owed to or held by third parties on behalf of the taxpayer

Upon a written official request by the concerned decentralized entity, employers, bailiffs, tenants, caretakers, cashiers, bankers, public notaries,

Article 32: Saisie du loyer

L'entité décentralisée concernée peut procéder à la saisie, en totalité ou en partie, du loyer du locataire ou de l'occupant d'un bien immobilier, en dépit de toute obligation contractuelle contraire du locataire ou de l'occupant.

L'entité décentralisée concernée ne peut procéder à la saisie d'une quelconque somme d'argent qu'après en avoir avisé le locataire ou l'occupant par écrit.

Le montant qui peut être recouvré du locataire ou de l'occupant de la maison est limité au montant du loyer ou d'une autre somme d'argent dû et payable par le locataire ou l'occupant au propriétaire du bien immobilier. Le montant payé par le locataire ou l'occupant est déduit par le locataire ou l'occupant de la somme d'argent due au propriétaire du bien immobilier.

Article 33: Accès à l'argent dû ou détenu par des tiers pour le compte du contribuable

A la demande officielle et écrite de l'entité décentralisée concernée, les employeurs, les huissiers, les locataires, les concierges, les

umutungo utimukanwa, ababara amafaranga, abanyamabanki, ba noteri ba Leta, ba avoka bemewe n'amategeko, abakozi bashinzwe kwishyura, abakarani b'inkiko, abashinzwe gusesa imitungo, abahagarariye abandi ndetse n'abandi bantu bafitiye umusoreshwa amafaranga cyangwa umusoreshwa akaba afite uburenganzira bwo kubishyura umwenda bamurimo, bashobora gusabwa kwishyura mu myanya w'umusoreshwa imisoro yose agomba kwishyura bakoresheje amafaranga babikijwe cyangwa bafatiriye kugira ngo hishyurwe imisoro yose igomba kugaruzwa.

Iyo ibaruwa isaba kwishyura imisoro imaze gutangwa, nta mafaranga abandi bantu bashobora gukoresha atabanje kubiharerwa uruhushya n'urwego rw'ibanze bireba. Iyo abo bantu, nta mpamvu bagaragaje ifatika mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) guhera ku itariki bamenyesherejweho mu nyandiko ko bagomba kwishyura, batabikoze, bafatwa nk'abafitiye urwego rw'ibanze bireba umwenda ungana n'amafaranga abereyemo umusoreshwa.

Ingingo ya 34: Kwishyurwa mbere umusoro ku mutungo utimukanwa

Ku byerekeye imisoro itishyurwe, umwenda w'umusoro k'umutungo utimukanwa usoreshwa, ni wo ugomba gutangwa mbere.

Iyo habaye igongana ry'inyungu kuri ubwo burenganzira hagati y'Ubuyobozi k'urwego rw'igihugu n'ubwo ku rwego rw'ibanze, cyangwa hagati y'inzego z'ibanze ubwazo, ubwo

registered lawyers, recovery officers, court clerks, liquidators, proxies and others who hold money on behalf of the taxpayer, or to whom the taxpayer has a legal claim, may be required to pay on behalf of the taxpayer all taxes due with the money entrusted to or retained by them.

Once the official request for the payment of taxes has been sent, no money shall be used by the third parties without authorization by the concerned decentralized entity. If the third parties did not notify the substantive reason for non-payment within thirty (30) days as from the date the notification in writing was received, there are assumed liable to debt to the concerned decentralized entity the amount equal to the amount of money they owe the taxpayer.

Article 34: Prior payment of fixed asset tax

In respect of unpaid taxes, precedence shall be given to the payment of fixed asset tax debt.

In case of conflict of interests over this right between the Central Government and decentralized entities or between decentralized entities themselves, such right shall be reserved to

caissiers, les banquiers, les notaires publics, les avocats, les agents de recouvrement, les greffiers, les liquidateurs, les mandataires et d'autres personnes qui détiennent de l'argent pour le compte du contribuable, ou contre lesquels le contribuable a une action en paiement d'une somme due, peuvent être amenés à payer à la place du contribuable tous les impôts dus avec l'argent leur confié ou retenu par eux jusqu'à concurrence de tous les impôts à recouvrer.

Lorsque la demande officielle pour le paiement des impôts est faite, aucune somme d'argent ne peut être utilisée par les tiers sans l'autorisation de l'entité décentralisée concernée. Si ces tiers ne montrent pas la raison valable de ne pas effectuer le paiement dans un délai de trente (30) jours à partir de la date à laquelle la notification écrite a été reçue, ils sont considérés comme redevables à l'entité décentralisée concernée du montant qu'ils doivent au contribuable.

Article 34: Paiement prioritaire de l'impôt sur les biens immobiliers

Concernant les impôts non payés, la priorité est accordée au paiement de la dette d'impôt sur les biens immobiliers.

En cas de conflit d'intérêts au sujet de ce droit entre le Gouvernement central et les entités décentralisées ou entre les entités décentralisées elles-mêmes, ce droit est réservé à l'entité

burenganzira buharirwa urwego rwa Leta rwatanze urundi gutangira inzira yo gukurikirana umusoresha, ku byerekeye umutungo we utimukanwa.

the Government entity that has first initiated proceedings against the taxpayer in respect of his/her fixed assets.

gouvernementale qui a été la première à entamer la procédure contre le contribuable au sujet de ses biens immobiliers.

Ku byerekeye abandi bose bishyuzwa umusoresha, uburenganzira bw'ubuyobozi bwa Leta ku rwego rw'Igihugu n'ubw'urwego rw'ibanze bukomeza guhabwa agaciro mbere y'ubw'abandi.

As for all other creditors of the taxpayer, the right of the Central Government and decentralized entities shall still have precedence.

Concernant d'autres créanciers du contribuable, le droit du Gouvernement central et de l'entité décentralisée reste toujours prioritaire.

Ingingo ya 35: Gufatira no kugurisha imitungo yimukanwa n'itimukanwa

Article 35: Seizure and sale of movable and fixed assets

Article 35: Saisie et vente des biens mobiliers et immobiliers

Ku byerekeye gufatira no kugurisha imitungo yimukanwa n'itimukanwa, inzego z'ibanze zigomba gukurikiza itegeko rigenga imitunganyirize y'ibanze mbonezamubano n'iz'ubucuruzi. Imitungo ifatiriwe ishobora kugurishwa gusa mu cyamunara. Ku byerekeye imitungo itimukanwa, cyamunara igomba gutegurwa kandi ikayoborwa na noteri wa Leta cyangwa umuhesha w'inkiko ubifitiye ububasha.

In respect of the seizure and sale of movable and fixed assets, the decentralized entities must comply with the law on civil and commercial procedures. Seized assets shall only be sold by public auction. In respect of fixed assets, a public auction must be arranged and directed by the public notary or by a competent bailiff.

Concernant la saisie et la vente des biens mobiliers et immobiliers, les entités décentralisées doivent se conformer à la loi portant procédures civiles et commerciales. Les biens saisis ne sont vendus qu'aux enchères. Concernant les biens immobiliers, la vente aux enchères doit être organisée et dirigée par le notaire public ou un huissier habilité.

Uburenganzira bwo gufatira no kugurisha mu cyamunara umutungo utimukanwa usoresha, bikorwa gusa nyuma y'uko ubundi buryo bwo kubahiriza iri itegeko bwakoreshejwe kugira ngo ikibazo gishobore gukemuka kandi ntibishobora gukorwa mbere y'uko hashira imyaka itatu (3) nyuma y'itariki umusoro wagombaga gutangwaho.

The right to seize and sell the taxable fixed asset by public auction shall only be exercised after other enforcement mechanisms have been reasonably exhausted and not before a period of three (3) years from the due date of payment has lapsed.

Le droit de saisir et de vendre un bien immobilier taxable aux enchères n'est exercé que lorsque les autres mécanismes de mise en application de la présente loi ont été raisonnablement épuisés et pas avant une période de trois (3) ans à partir de la date à laquelle l'échéance de paiement a expiré.

Ingingo ya 36: Kwimura itariki yo guteza cyamunara

Umusoresha w'urwego rw'ibanze bireba cyangwa urukiko rw'ubucuruzi, bashobora kwimura itariki yo guteza cyamunara imitungo yafatiriwe bisabwe na nyiri imitungo yafatiriwe cyangwa babyibwirije. Uko kwimura itariki ya cyamunara bishobora gukorwa rimwe gusa.

Amafaranga avuye mu cyamunara akoreshwa mbere na mbere mu kwishyura umusoro, inyungu ziwukomokaho, amafaranga y'inyongera n'ibihano bigomba guhabwa urwego rw'ibanze bireba. Amafaranga asigaye ahabwa umusoresha.

Iyo umusoresha adahari, amafaranga asigaye abikwa n'ikigega cya Leta mu gihe kitarenga imyaka itanu (5). Iyo umusoresha ataje kwaka amafaranga ye muri icyo gihe, hakurikizwa itegeko rigenga imicungire y'imitungo itagira beneyo.

Ingingo ya 37: Kubura ubwishyu burundu no guhomba

Iyo umusoresha abuze ubwishyu burundu cyangwa agahomba, urwego rw'ibanze rw'aho umutungo usoresha ubarizwa rufite uburenganzira bwo gutangira igikorwa cyo kugurisha ku ngufu uwo mutungo, mu cyamunara, hakurikijwe itegeko ryihariye rigenga cyamunara.

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bireba ishobora gusiba umwenda w'umusoro nyuma

Article 36: Postponement of the public auction date

The tax collector of the concerned decentralized entity or the commercial court may postpone the auction of assets seized upon request of the person whose assets were seized or upon their own initiative. Postponement of the auction may be granted once only.

The proceeds from the public auction shall first be used to set off the tax, interests accruing thereto, surcharges and penalties owed to the concerned decentralized entity. The remaining amount shall be returned to the taxpayer.

In the case of the taxpayer's absence, the remaining amount shall be kept in the state treasury for a period not exceeding five (5) years. If the taxpayer has not claimed this amount within this period, the law relating to management of abandoned property shall be applicable.

Article 37: Insolvency and bankruptcy

In case of insolvency or bankruptcy, the decentralized entity where the taxable asset is located has the right to start a forced sale of the concerned asset according to the specific law on public auction.

The Council of the concerned decentralized entity may only write off the due tax after an affidavit of

Article 36: Report de la date de vente aux enchères

Le percepteur des impôts de l'entité décentralisée concernée ou le tribunal de commerce peut, à la demande de la personne dont les biens ont été saisis ou de leur propre initiative, reporter la vente aux enchères. Ce report de la vente aux enchères ne peut être accordé qu'une seule fois.

Le produit de la vente aux enchères est d'abord utilisé pour payer l'impôt, les intérêts y afférents, les accroissements et les pénalités dus à l'entité décentralisée concernée. Le reliquat doit être remis au contribuable.

En cas d'absence du contribuable, le reliquat est gardé au trésor public pour une période ne dépassant pas cinq (5) ans. Si le contribuable ne réclame pas cet argent au cours de cette période, la loi relative à la gestion des biens abandonnés s'applique.

Article 37: Insolvabilité et faillite

En cas d'insolvabilité ou de faillite, l'entité décentralisée où se trouve le bien taxable a le droit de procéder à la vente forcée du bien concerné conformément à la loi spécifique régissant la vente aux enchères.

Le Conseil de l'entité décentralisée concernée ne peut dispenser du paiement de l'impôt dû qu'après

yuko umusoresha atanze inyandiko y'ibara ry'umutungo we igaragaza ko yazahajwe n'imyenda kandi ko kugurisha umutungo asigaranye mu cyamunara ntacyo byatanga.

Icyiciro cya 9: Ubusaze bw'umusoro

Ingingo ya 38: Igihe kigera umusoro ukaba utagitanzwe

Igihe kigera umusoro ukaba utagitanzwe gitangira kubara guhera ku itariki ya mbere Mutarama mu mwaka ukurikira umwaka usoresha kitarangira ku itariki ya 31 Ukuboza y'umwaka wa gatanu (5) w'isoresha. Iyo habayeho gutakamba cyangwa kuregera icyemezo, kubara icyo gihe biba bihagaze kugeza igihe hazafatirwa icyemezo.

Igihe kigera umusoro ukaba utagitanzwe gitangira kubara bundi bushya iyo umusoresha yamenyeshejwe ko agiye gukorera ubugenzuzi cyangwa yabonye ibaruwa imumenyesha ko afite ikibazo cyerekeranye n'imisoro ndetse n'izindi ngingo ziteganywa n'amategeko.

UMUTWE WA IV: UMUSORO W'IPATANTI

Icyiciro cya mbere : Ingingo rusange

Ingingo ya 39: Itangwa ry'umusoro w'ipatanti

Umusoro w'ipatanti utangwa na buri muntu wese utangiye ibikorwa bibyara inyungu mu Rwanda.

means from the taxpayer shows that he/she is totally indebted and that a public auction of his/her remaining assets will yield no result.

Section 9: Tax prescription

Article 38: Tax prescription period

The prescription period shall start on the 1st of January of the year that follows the income taxable year and end on December 31 of the 5th tax year. In case of claim or appeal, the prescription period shall be suspended for as long as the decision is taken.

The prescription period shall be interrupted if the taxpayer has been informed to be audited or has received a statement concerning the tax liabilities and all other provisions provided for by laws.

CHAPTER IV: TRADING LICENSE TAX

Section One: General provisions

Article 39: Payment of trading license tax

The trading license tax shall be paid by any person who commences a profit-oriented activity in Rwanda.

réception d'une attestation de la part du contribuable montrant qu'il est complètement endetté et qu'une vente aux enchères de ses biens restant ne peut servir à rien.

Section 9: Prescription de l'impôt

Article 38: Période de prescription de l'impôt

La période de prescription de l'impôt commence le 1^{er} janvier de l'année qui suit l'année de revenu imposable et se termine le 31 décembre de la 5^{ème} année d'imposition. En cas de réclamation ou de recours contre la décision prise, la période de prescription est suspendue jusqu'à ce qu'une décision soit prise.

La période de prescription de l'impôt est interrompue si le contribuable a été informé qu'il allait être audité ou a reçu une déclaration l'informant qu'il fait face à un problème d'impôts et de toutes autres dispositions légales.

CHAPITRE IV: DROIT DE PATENTE

Section première: Dispositions générales

Article 39: Paiement du droit de patente

Le droit de patente est payé par toute personne qui commence une activité lucrative au Rwanda.

Ingingo ya 40: Umwaka w'isoresha

Umwaka w'isoresha utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku itariki ya 31 Ukuboza k'uwo mwaka.

Iyo ibikorwa bisoreshwa bitangiye muri Mutarama, umusoro w'ipatanti ugomba gutangwa ku mwaka wose. Iyo ibyo bikorwa bitangiye nyuma y'ukwezi kwa Mutarama, umusororeshwa agomba gutanga umusoro w'ipatanti ungana n'amezi asigaye kugira ngo umwaka urangire habariwemo n'ukwezi ibikorwa byatangiyemo.

Ku byerekeye abantu bakora ibikorwa bidahoraho, umusoro w'ipatanti ugomba gutangwa ku mwaka wose kabone n'iyi ibikorwa bisoreshwa byaba bidakorwa mu mwaka wose.

Icyiciro cya 2: Kubara no kwishyura umusoro

Ingingo ya 41: Isonerwa ry'umusoro

Inzego za Leta zisonewe umusoro w'ipatanti.

Ingingo ya 42: Imenyeshya ry'umusoro

Buri musororeshwa agomba koherereza imenyeshya ry'umusoro ryemewe n'amategeko urwego rw'ibanze rw'aho ibikorwa bye bibarizwa bitarenze tariki ya 31 Werurwe mu mwaka w'isoresha. Iyo umusororeshwa afite n'amashami akoreramo, imenyeshya ry'umusoro rigomba

Article 40: Tax year

The tax year shall start on January 1st and end on December 31st of that same year.

If taxable activities start in January, the trading license tax must be paid for a whole year. If such activities start after January, the taxpayer must pay trading license tax equivalent to the remaining months including the one in which the activities started.

As regards persons conducting seasonal or periodic activities, the trading license tax must be paid for a whole year, even though the taxable activities do not occur throughout the whole year.

Section 2: Tax assessment and payment

Article 41: Tax exemption

The Government entities shall be exempted from trading license tax.

Article 42: Tax declaration

Not later than 31st March of the tax year, every taxpayer must file an official tax declaration to the decentralized entity where his/her activities are undertaken. If a taxpayer operates branch offices, tax declaration shall be required for the head office as well as for each branch.

Article 40: Année d'imposition

L'année d'imposition commence le 1er janvier et se termine le 31 décembre de la même année.

Si les activités taxables commencent en janvier, le droit de patente doit être payé pour toute l'année. Si ces activités commencent après le mois de janvier, le contribuable doit payer le droit de patente équivalent aux mois qui restent y compris le mois au cours duquel les activités ont commencé.

Quant aux personnes exerçant des activités saisonnières ou périodiques, le droit de patente doit être payé pour toute l'année, même si les activités taxables ne sont pas exercées pendant toute l'année.

Section 2: Evaluation et paiement de l'impôt

Article 41: Exonération d'impôt

Les entités de l'Etat sont exemptées du droit de patente.

Article 42: Déclaration de l'impôt

Tout contribuable doit, au plus tard le 31 mars de l'année d'imposition, envoyer une déclaration officielle d'impôt à l'entité décentralisée où se trouvent ses activités. Si un contribuable a des succursales, la déclaration de l'impôt est exigée aussi bien pour le siège que pour chaque

gukorwa ku biro bikuru ndetse no kuri buri shami ry'ibikorwa bye.

Iyo ibikorwa byinshi bikorwa n'isosiyete imwe cyangwa n'umuntu ku giti cye kandi mu nyubako imwe, icyemezo kimwe kigaragaza ko umusoro w'ipatanti wishyurwa kugomba kugaragazwa.

Imenyesha ry'umusoro ritanga amakuru arambuye yerekeye ibikorwa bisoreshwa harimo n'umusoro ugomba gutangwa umusororeshwa yibariye ubwe.

Imenyesha ry'umusoro rigomba gushyirwaho umukono n'umuntu uzahabwa icyemezo cy'ipatanti. Iyo ari isosiyete, imenyesha ry'umusoro rishyirwaho umukono n'umuntu uhagarariye iyo sosiyete ku buryo bwemewe n'amategeko.

Ingingo ya 43: Igipimo cy'umusoro

Umusoro w'ipatanti ubarwa hashingiwe ku mbonerahamwe zikurikira:

1° Ibikorwa byose bibyara inyungu byandikishijwe gutanga umusoro ku nyongeragaciro (Imbonerahamwe ya I)

Amafaranga yose yacurujwe	Umusoro ugomba gutangwa mu Frw
Kuva ku ifaranga rimwe (1frw) Kugeza ku Frw 40,000,000	60,000

When several activities are carried out by the same company or a natural person in the same premises, only one trading license tax certificate shall be required.

The tax declaration shall show details of the taxable activities including the self-assessed tax due.

The tax declaration must be personally signed by the person who will receive the trading certificate. In case of a corporate entity, the tax declaration shall be signed by its properly authorized representative.

Article 43: Tax rate

The trading license tax shall be calculated on the basis of the following tables:

1° All value added tax registered profit-oriented activities (Table I)

Turnover	Tax due in Rwf
From Rwf 1 to Rwf 40,000,000	60,000

succursale.

Lorsque plusieurs activités sont exercées par une même société ou par une personne physique dans les mêmes bâtiments, une seule vignette du droit de patente est exigée.

La déclaration de l'impôt donne les détails des activités taxables y compris l'évaluation de l'impôt dû effectuée par le contribuable lui-même.

La déclaration de l'impôt doit être signée personnellement par la personne qui recevra la vignette de patente. Lorsqu'il s'agit d'une personne morale, la déclaration de l'impôt est signée par son représentant dûment autorisé.

Article 43: Taux d'imposition

Le droit de patente est calculé sur base des tableaux ci-après:

1° Toutes les activités lucratives enregistrées pour payer la TVA (Tableau I)

Chiffre d'affaires	Impôt dû en Frw
De 1 à 40.000.000 Frw	60.000

Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012

Kuva ku Frw 40,000,001 Kugeza ku Frw 60,000,000	90,000	From Rwf 40,000,001 to 60,000,000	90,000
Kuva ku Frw 60,000,001 Kugeza ku Frw 150,000,000	150,000	From 60,000,001 to Rwf 150,000,000	150,000
Hejuru ya Frw 150,000,000	250,000	Above Rwf 150,000,000	250,000

De 40.000.001 à 60.000.000 Frw	90.000
De 60.000.001 à 150.000.000 Frw	150.000
Plus de 150.000.000 Frw	250.000

Amafaranga yashingiweho mu kubara umusoro w'ipatanti mu mbonerahamwe ya I ni umubare w'amafaranga yose yacurujwe mu mwaka uheruka wemejwe n'Ikigo cy'igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (RRA). Buri mwaka, bitarenze tariki ya 31 Mutarama, Ikigo cy'igihugu cy'Imisoro n'Amahoro gishyikiriza urwego rw'ibanze bireba imibare ya ngombwa yerekeye imisoro.

The basis for the calculation of trading license tax in Table I is the turnover of the previous year approved by Rwanda Revenue Authority (RRA). Every year, not later than January 31st, Rwanda Revenue Authority shall submit the necessary data to the concerned decentralized entity.

La base pour le calcul du droit de patente dans le tableau I est le chiffre d'affaires pour l'année précédente approuvé par l'Office Rwandais des Recettes (RRA). Chaque année, au plus tard le 31 janvier, l'Office Rwandais des Recettes présente les données nécessaires à l'entité décentralisée concernée.

2° Ibindi bikorwa bibyara inyungu (Imbonerahamwe ya II)

2° Other profit-oriented activities (Table II)

2° Autres activités lucratives (Tableau II)

Inzego z'imirimo	Mu cyaro FRw	Mu mijyi y'u Rwanda	Mu mujyi Kigali	Type of Activity	Rural area Rwf	Towns Rwf	City of Kigali
A) abacuruzi badafite amaduka , abanyabukori-kori bakora imirimo iciriritse kandi badafite imashini	4,000	6,000	8,000	A) Vendors without shops, small scale technicians who do not use machines	4,000	6,000	8,000

Type d'activités	Zone rurale	Villes	Ville de Kigali
A) Ambulants, artisans sans moyens mécaniques	4,000	6,000	8,000

Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012

B) Abatwara abantu n'ibintu ku mapikipiki	4,000	6,000	8,000	B) Transporters of people and goods on motorcycles	4,000	6,000	8,000
C) Ubucuruzi n'ubukorikori bwifashisha imashini	20,000	30,000	40,000	C) Traders and technicians who use machines	20,000	30,000	40,000
D) Ibindi binyabiziga byose uretse amagare	40,000 kuri buri kinyabiziga	40,000 kuri buri kinyabiziga	40,000 kuri buri kinyabiziga	D) All other vehicles besides bicycles	40,000 on each vehicle	40,000 on each vehicle	40,000 on each vehicle
E) Imirimo yo gutwara ibintu n'abantu mu mato afite moteri	20,000 kuri buri bwato	20,000 kuri buri bwato	20,000 kuri buri bwato	E) For transport activities by motor boat	20,000 on each boat	20,000 on each boat	20,000 on each boat
F) Indi mirimo ibyara inyungu	20,000	30,000	40,000	F) Others profit-oriented activities	20,000	30,000	40,000

B) Transport des personnes et des biens par motocyclettes	4,000	6,000	8,000
C) Commerçants et artisans avec moyens mécaniques	20,000	30,000	40,000
D) Autres véhicules à l'exception des bicyclettes	40,000 pour chaque véhicule	40,000 pour chaque véhicule	40,000 pour chaque véhicule
E) Activités de transport par bateau à moteur	20,000 pour chaque bateau	20,000 pour chaque bateau	20,000 pour chaque bateau
F) Autres activités lucratives	20,000	30,000	40,000

Inama Njyanama y'Akarere igena buri mwaka, ahafatwa nk'icyaro cyangwa nk'Umujyi.

The District Council shall determine each year which areas are considered as urban or rural.

Le Conseil de District détermine chaque année les zones considérées comme urbaines ou rurales.

Ingingo ya 44: Kwishyura umusoro

Umusoro wabazwe n'umusoreshwa ubwe ugomba kwishyurwa urwego rw'ibanze bireba iyo ibikorwa bisoreshwa bitangiye ku itariki ya 31 Mutarama cyangwa mbere yaho mu mwaka w'isoresha.

Article 44: Tax payment

The self-assessed tax must be paid to the concerned decentralized entity where the taxable activities are undertaken on or before January 31st of the tax year.

Article 44: Paiement de l'impôt

L'impôt calculé par le contribuable lui-même doit être payé à l'entité décentralisée concernée lorsque les activités imposables commencent le 31 janvier de l'année d'imposition ou avant cette date.

Iyo umusoro udatanzwe ku itariki ugomba gutangirwaho, umusoresha ntiyemererwa gutangira cyangwa gukomeza ibikorwa bya bigamije kubyara inyungu atabanje kwishyura. Ibikorwa bigamije kubyara inyungu bitangiye mu gihe umusoresha afite ibirarane by'umusoro w'ipatanti atarishyura, biba binyuranyije n'amategeko.

Urwego rw'ibanze bireba rufite uburenganzira bwo kubihagarika ako kanya.

Icyiciro cya 3: icyemezo cy'umusoro w'ipatanti

Ingingo ya 45: Itangwa ry'icyemezo cy'umusoro w'ipatanti

Nyuma yo gusuzuma imenyeshya ry'umusoro n'inyandiko zishyuriweho umusoro, urwego rw'ibanze bireba ruhita rutanga icyemezo kigaragaza ko umusoro w'ipatanti w'umwaka w'isoresha uvugwa muri icyo cyemezo watanze n'umusoresha.

Article 46: Kumanika ahagaragara icyemezo cy'umusoro w'ipatanti

Icyemezo cy'umusoro w'ipatanti kigomba kumanikwa ku muryango w'inzu imirimo y'ubucuruzi ikorerwamo cyangwa kikomekwa ku modoka, ku bwato, cyangwa ku kindi kinyabiziga umusoro watangiwe.

If the tax is not paid by the due date, the taxpayer shall not be allowed to start or to continue his/her profit-oriented activities without having paid such tax. Profit-oriented activities undertaken while the taxpayer is in arrears with the payment of his/her trading license tax shall be illegal.

The concerned decentralized entity shall have the right to shut down such activities immediately.

Section 3: Trading license tax certificate

Article 45: Issuing a trading license tax certificate

After consideration of the tax declaration and the payment documents, the concerned decentralized entity concerned shall immediately issue an official trading license tax certificate showing that the trading license tax for the tax year specified on the certificate has been paid by the taxpayer.

Article 46: Posting of trading license tax certificate

The trading license tax certificate shall be displayed clearly at the entrance of the business premises or affixed to the car, boat or any other vehicle for which the tax was paid.

Si l'impôt n'est pas payé à l'échéance, le contribuable n'est pas autorisé à commencer ou continuer à exercer ses activités lucratives avant le paiement de cet impôt. Les activités lucratives entreprises alors que le contribuable est en retard de paiement du droit de patente sont illégales.

L'entité décentralisée concernée a le droit d'arrêter ces activités immédiatement.

Section 3: Vignette du droit de patente

Article 45: Délivrance de la vignette du droit de patente

Après examen de la déclaration de l'impôt et des documents attestant le paiement, l'entité décentralisée concernée délivre immédiatement une vignette officielle de paiement du droit de patente attestant que le contribuable a payé le droit de patente pour l'année d'imposition indiquée sur la vignette.

Article 46: Affichage de la vignette du droit de patente

La vignette du droit de patente doit être affichée visiblement à l'entrée des locaux commerciaux ou collée au véhicule, au bateau ou sur tout autre véhicule pour lequel l'impôt a été payé.

Iyo bibaye ngombwa, uwahawe icyemezo cy'umusoro w'ipatanti, abisabwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, agomba, igihe cyose kucyerekana hamwe n'ikarita imuranga.

When requested to do so by a competent authority, the holder of a trading license tax certificate must at all times be able to present such a certificate and his/her identification card.

Lorsque le titulaire d'une vignette du droit de patente en est requis par l'autorité compétente, il doit à tout moment être en mesure de présenter cette vignette et sa carte d'identité.

Kuterekana icyemezo cy'umusoro w'ipatanti bihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'ibihumbi cumi (Frw 10.000) by'amafaranga y'u Rwanda. Gucibwa ihazabu ntacyo bihindura ku nshingano y'umusoreshwa yo gutanga umusoro w'ipatanti.

Failure to present the trading license tax certificate shall be punishable by an administrative fine of ten thousand (10,000) Rwandan francs. The taxpayer's obligation to pay the trading license tax shall not be affected by the imposition of a fine.

Le fait de ne pas présenter la vignette de la patente est punissable d'une amende administrative de dix mille (10.000) francs rwandais. L'obligation du contribuable de payer le droit de patente n'est pas affectée par l'imposition d'une amende.

Iyo icyemezo cy'umusoro w'ipatanti gitakaye cyangwa cyangiritse, urwego rw'ibanze bireba rutanga inyandukuro yacyo kandi nyir'ubwite agacibwa amafaranga atarenga ibihumbi bitanu (Frw 5.000).

If a trading license tax certificate is lost or damaged, a duplicate shall be issued by the concerned decentralized entity for a fee not exceeding five thousand Rwandan francs (5,000 Rwf).

Si la vignette du droit de patente est perdue ou endommagée, un duplicata est délivré par l'entité décentralisée concernée moyennant des frais qui ne peuvent dépasser cinq mille francs rwandais (5.000 Frw).

Ingingo ya 47: Guhagarika ibikorwa bigamije kubyara inyungu no gusubizwa umusoro

Article 47: Termination of profit-oriented activities

Article 47: Arrêt des activités lucratives

Iyo umusoreshwa ahagaritse cyangwa ahinduye ibikorwa bye bibyara inyungu hagati mu mwaka usororeshwa, asubizwa, nyuma y'igenzura, umusoro w'ipatanti yatanze hakurikijwe amezi asigaye kugera ku itariki ya 31 Ukuboza k'umwaka usororeshwa, iyo umusoro w'ipatanti wari waratanzwe.

In case the taxpayer terminates or changes his/her profit-oriented activities during an income taxable year, he/she shall, after an audit, be refunded depending on the remaining months until December 31st of that income taxable year, if the trading license tax had already been paid.

Au cas où le contribuable met fin à ses activités lucratives ou les change au cours de l'année de revenu imposable, il doit, après audit, être remboursé, au prorata du nombre de mois restants jusqu'au 31 décembre de l'année de revenu imposable en cours, si le droit de patente avait été déjà versé.

UMUTWE WA V: UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUKODE

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Ingingo ya 48: Itangwa ry'umusoro ku nyungu z'ubukode

Umusoro ku nyungu z'ubukode wakwa ku nyungu abantu babona iturutse k'ubukode bw'imitungo itimukanwa iri mu Rwanda. Umuntu ku giti cye ubonye amafaranga y'ubukode aba ari umusoreshe. Umwaka usoreshe mu kubara umusoro utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku ya 31 Ukuboza z'umwaka ushize ari nawo usoreshe.

Ingingo ya 49: Inyungu isoreshe

Umusoro ku nyungu y'ubukode ucibwa ku buryo bukurikira:

- 1° inyungu ikomoka ku mazu akodeshwa yose cyangwa akodeshwa igice;
- 2° inyungu ikomoka ku bikorwa byongerewe ku nzu bikodeshwa byose cyangwa hakodeshwa igice cyabyo;
- 3° ikindi gikorwa cyose gishobora kuba giturukaho inyungu y'ubukode.

CHAPTER V: RENTAL INCOME TAX

Section One: General provisions

Article 48: Payment of rental income tax

Rental income tax shall be charged on income generated by individuals from rented fixed assets located in Rwanda. The natural person who receives such an income shall be a taxpayer. The income taxable year for calculating the tax shall start on January 1st and end on December 31st of the previous year which shall be the income taxable year.

Article 49: Taxable income

Rental income tax shall be charged to the following:

- 1° income from rented buildings in all or part;
- 2° income from rented improvements in whole or in part;
- 3° any other activity to which rental income may be accrued.

CHAPTER V: IMPOT SUR LE REVENU LOCATIF

Section première: Dispositions générales

Article 48: Paiement de l'impôt sur le revenu locatif

L'impôt sur le revenu locatif est perçu sur le revenu des personnes provenant du loyer de leurs biens immeubles se trouvant au Rwanda. Une personne physique qui reçoit ce genre de revenu est un contribuable. L'année de revenu imposable pour le calcul de l'impôt sur le revenu locatif commence le 1^{er} janvier et se termine le 31 décembre de l'année précédente qui est l'année de revenu imposable.

Article 49: Revenu imposable

L'impôt sur le revenu locatif est perçu sur ce qui suit:

- 1° le revenu provenant de la location des immeubles en totalité ou en partie ;
- 2° le revenu provenant de la location des améliorations en partie ou en totalité ;
- 3° toute autre activité qui peut générer un revenu locatif.

Icyiciro cya 2: Ibarwa ry'umusoro

Ingingo ya 50: Uko umusoro ubarwa

Inyungu isoreshwa iboneka hamaze kuvanwa mirongo itanu ku ijana (50 %) ku nyungu mbumbe afatwa nk'ayo umusororeshwa akoresha mu bikorwa byo gufata neza umutungo we utimukanwa ukodeshwa.

Iyo umusororeshwa yerekanye icyemezo cy'uko yishyura inyungu ku nguzanyo yahawe na banki kugira ngo yubake cyangwa agure umutungo utimukanwa ukodeshwa, inyungu isoreshwa igaragazwa havanwa mu nyungu mbumbe mirongo itatu (30 %) bifatwa nk'amafaranga akoresha no gufata neza uwo mutungo hakiyongeraho inyungu ku nguzanyo ya banki yishyuwe guhera igihe ubukode bwatangiriye.

Ingingo ya 51: Ishingiro ry'uko umusoro ubarwa

Ishingiro ry'uko umusoro ubarwa riteganywa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Ingingo ya 52: Inshingano yo kumenyekanisha amasezerano y'ubukode

Amasezerano y'ubukode yerekeye umutungo utimukanwa uturukaho inyungu nk'uko biteganywa mu ngingo ya 49 y'iri tegeko, agomba gukorwa mu nyandiko kandi ariho umukono w'impane zombi. Kopi y'ayo masezerano

Section 2: Tax computation

Article 50: Tax computation method

The taxable income shall be obtained by deducting from the gross rental income fifty percent (50 %) considered as the expenses incurred by the taxpayer on maintenance and upkeep of the rented property.

When the taxpayer produces the proof of bank interest payments on a loan for the construction or purchase of a rented property, the taxable income shall be determined by deducting from gross rental income thirty percent (30 %) considered as the expenses incurred plus actual bank interest paid from the beginning of the rental period.

Article 51: Tax computation base

The tax computation base shall be determined by an Order of the Minister in charge of finance.

Article 52: Obligation to communicate the rental contract

The rental contract in respect of fixed asset in terms of which income as stated in Article 49 of this Law is generated, shall be in writing and signed by the contracting parties. A copy of this contract shall be submitted to the decentralized

Section 2: Calcul de l'impôt

Article 50: Mode de calcul de l'impôt

Le revenu imposable est obtenu en déduisant 50% du revenu locatif brut représentant les dépenses encourues par le contribuable pour la maintenance et l'entretien de l'immeuble loué.

Lorsque le contribuable donne la preuve de paiement d'intérêt bancaire sur le prêt lui accordé pour la construction ou l'achat de l'immeuble loué, le revenu imposable est obtenu en déduisant trente pour cent (30%) du revenu locatif brut représentant les dépenses encourues majorés de l'intérêt bancaire réellement payé depuis le début de la période de loyer.

Article 51: Base de calcul de l'impôt

La base de calcul de l'impôt est déterminée par arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Article 52: Obligation de communiquer le contrat de location

Le contrat de location portant sur un bien immobilier en vertu duquel un revenu tel que stipulé à l'article 49 de la présente loi est généré, doit être fait par écrit et signé par les parties contractantes. Une copie de ce contrat doit être

y'ubukode igomba gushyikirizwa urwego rw'ibanze rw'aho uwo mutungu ubarizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki amasezerano ashiriweho umukono.

entity where the asset is located within a period not exceeding fifteen days (15) following the date the contract was signed.

réservée à l'entité décentralisée dans laquelle se trouve ce bien immobilier dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours après la date de signature du contrat.

Icyiciro cya 3: Ibarwa n'itangwa ry'umusoro

Section 3: Tax computation and payment

Section 3: Calcul et paiement de l'impôt

Ingingo ya 53: Igipimo cy'umusoro

Article 53: Tax rate

Article 53: Taux d'imposition

Igipimo cy'umusoro ku nyungu y'ubukode kibarwa ku buryo bukurikira:

The rental income tax is calculated as follows:

L'impôt sur le revenu locatif est calculé comme suit:

1° ku mubare w'amafaranga y'ubukode ku nzu ku mwaka ari hagati ya Frw 1 kugera ku bihumbi Frw 180.000 gishyizwe kuri zero ku ijana (0%);

1° the bracket part of annual income generated through rental of a building from Rwf 1 to Rwf 180,000 shall be taxed at zero percent (0 %);

1° la tranche du revenu annuel généré par la location d'un immeuble de 1 Frw à 180.000 Frw est imposée à zéro pour cent (0 %);

2° ku mubare w'amafaranga y'ubukode ku nzu ikodeshwa ku mwaka ari hagati ya Frw 180,001 na FRw 1,000,000 gishyizwe kuri makumyabiri ku ijana (20 %);

2° the bracket part of annual income generated through rental of a building from Rwf 180,001 to Rwf 1,000,000 shall be taxed at twenty percent (20 %);

2° la tranche du revenu annuel généré par la location d'un immeuble de 180.001 Frw à 1.000.000 Frw est imposée à vingt pour cent (20 %);

3° ku mubare w'amafaranga y'ubukode ku nzu ikodeshwa ku mwaka ari hejuru ya Frw 1,000,000 gishyizwe kuri mirongo itatu ku ijana (30 %).

3° the bracket part of the annual income generated through rental of a building above Rwf 1,000,000 shall be taxed at thirty percent (30 %).

3° la tranche du revenu annuel généré par la location d'un immeuble supérieur à 1.000.000 Frw est imposée à trente pour cent (30 %).

Ingingo ya 54: Imenyesha ry'umusoro

Article 54: Tax declaration

Article 54: Déclaration de l'impôt

Buri muntu ubona inyungu ivugwa mu ngingo ya 49 y'iri tegeko agomba gutanga imenyesha ry'umusoro riteganywa n'amategeko bitarenze ku itariki ya 31 Werurwe buri mwaka.

Any person who earns an income referred to in Article 49 of this Law must, on or before March 31st each year, file an official tax declaration as provided for by laws.

Toute personne qui gagne un revenu visé à l'article 49 de la présente loi doit, au 31 mars de chaque année ou avant cette date, faire une déclaration officielle de l'impôt comme prévu par les lois.

Imenyasha ry'umusoro rigomba gutanga ibisobanuro birambuye byerekeye inzu ikodeshwa hamwe n'ibindi bikorwa biyongerera ubwiza n'agaciro harimo ndetse n'umusoro wabazwe na nyir'ubwite ubwe. Imenyasha ry'umusoro rigomba kuba ririho umukono w'umusoreshwa.

The tax declaration must show details of the rented building and all improvements including the self-assessed tax due. The tax declaration must be signed by the taxpayer.

La déclaration de l'impôt doit donner les détails de l'immeuble loué et de toutes les améliorations y apportées y compris le calcul de l'impôt dû effectué par le contribuable lui-même. La déclaration de l'impôt doit être signée par le contribuable.

Ingingo ya 55: Itangwa ry'umusoro

Article 55: Tax payment

Article 55: Paiement de l'impôt

Umusoro ubarwa n'umusoreshwa ubwe ugomba kwishyurwa urwego rw'ibanze inzu ikodeshwa cyangwa ibindi bintu byongereweho nabyo bikodeshwa bibarizwamo bitarenze ku itariki ya 31 Werurwe mu mwaka usororeshwa ukurikiraho.

The self-assessed tax of the tax year must be paid to the decentralized entity where the rented building or improvements are located not later than March 31st of the following income taxable year.

L'impôt calculé par le contribuable lui-même pour l'année d'imposition doit être payé à l'entité décentralisée dans laquelle se trouve l'immeuble loué ou ses améliorations, au plus tard le 31 mars de l'année de revenu imposable suivante.

Ingingo ya 56: Ingingo zihuriweho n'imisoro ivugwa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko

Article 56: Common provisions applicable to taxes provided under Article 5 of this Law

Article 56: Dispositions communes aux impôts visés à l'article 5 de la présente loi

Hamwe n'impinduka za ngombwa, isuzuma, kwishyura no kwaka umusoro, ububasha bwo kwibutsa, uburyo bwo kubahiriza itegeko, gutakamba no kujurira n'igihe kirenga umusoro ukaba utagitanzwe ku byerekeye umusoro w'ipatanti n'umusoro ku nyungu z'ubukode, bikorwa hakukijwe ibiteganyijwe mu Mutwe wa III, icyiciro cya 5 kugeza ku cya 9 by'iri tegeko.

With the necessary changes, inspection, recovery and tax collection, power to remind, law enforcement mechanisms, complaints and appeals and tax prescription period regarding the trading license tax and rental income tax shall be handled in accordance with the provisions of Chapter III, Sections 5 to 9 of this Law.

Avec les changements nécessaires, l'inspection, le recouvrement et la perception des impôts et taxes, le pouvoir de rappel, les mécanismes de mise en application de la loi, les réclamations et le recours et la période de prescription de l'impôt concernant le droit de patente et l'impôt sur les revenus locatifs sont traités conformément aux dispositions du chapitre III, sections 5 à 9 de la présente loi.

Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze rigena uburyo iri tegeko rishyirwa mu bikorwa.

An Order of the Minister in charge of finance shall determine modalities for the enforcement of this Law.

Un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions détermine les modalités de mise en application de la présente loi.

**UMUTWE WA VI: IZINDI NKOMOKO
Z'IMARI Y'INZEGO Z'IBANZE**

**CHAPTER VI: OTHER SOURCES OF
REVENUE FOR DECENTRALIZED
ENTITIES**

**CHAPITRE VI: AUTRES SOURCES DE
REVENUS DES ENTITES
DECENTRALISEES**

**Icyiciro cya mbere: Amahoro y'urwego
rw'ibanze**

**Section One: Fees collected by decentralized
entities**

**Section première: Taxes perçues par des entités
décentralisées**

**Ingingo ya 57: Amahoro yishyurwa ku mirimo
ikozwe**

Article 57: Fees levied on services rendered

**Article 57: Taxes perçues sur les services
prestés**

Bitanyuranyije n'andi mategeko ariho, Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze ishobora kwaka amahoro ku mirimo ikozwe n'urwo rwego rw'ibanze mu ifasi yarwo. Ayo mahoro ntagomba kurenga igipimo nyakuri cyangwa kigereranyije.

Without prejudice to other laws in force, the Council of the decentralized entity may charge fees on public services rendered by the decentralized entity within its jurisdiction. Such fees should not exceed the actual or estimated limit.

Sans préjudice des autres lois en vigueur, le Conseil de l'entité décentralisée peut exiger des taxes pour les services rendus par l'entité décentralisée dans son ressort. Ces taxes ne doivent pas dépasser la limite réelle ou estimée.

Iteka rya Perezida rishyiraho amahoro ava ku byemezo bitangwa na Leta n'inzego z'ibanze rikanagaragaza urutonde rw'amahoro yakwa n'Akarere kandi rigaragaraza ibipimo ntarengwa byayo.

A Presidential Order shall determine chancellery fees and other fees levied on certificates delivered by decentralized entities as well as the list of fees charged by District and shall determine their limits.

Un arrêté présidentiel fixe les taxes perçues pour les droits de chancellerie et autres attestations délivrées par les entités décentralisées ainsi que la liste des taxes exigées par le District et fixe leurs limites.

Ingingo ya 58: Andi mahoro

Article 58: Other fees

Article 58: Autres taxes

Bitanyuranyije n'andi mategeko ariho, Guverinoma yemerera urwego rw'ibanze kwaka amahoro n'andi mafaranga kuri serivisi rutanze, iyo izo serivisi zatanzwe, zose cyangwa igice cyazo n'urwo rwego rw'ibanze.

Without prejudice to other laws in force, the Government shall allow a decentralized entity to collect fees and other charges for services rendered, if those services have been provided, in whole or in part, by that decentralized entity.

Sans préjudice des autres lois en vigueur, le Gouvernement autorise une entité décentralisée à percevoir des taxes et d'autres redevances pour les services rendus, si ces services ont été rendus, en partie ou en totalité, par cette entité décentralisée.

Ingingo ya 59: Gutangaza igipimo cy'amahoro

Article 59: Publishing of fees rate

Article 59: Publication des taux de taxes

Ibyemezo bifashwe n'Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bijyanye no gushyiraho amahoro bitangazwa kandi bikamanikwa ku mazu yose

Decisions taken by the Council of a decentralized entity in respect of the setting of fees shall be published and posted at all decentralized entity

Les décisions prises par le Conseil d'une entité décentralisée en rapport avec la fixation des taxes doivent être rendues publiques et affichées à tous

y'urwego rw'ibanze no ku biro by'ubuyobozi.

administrative buildings.

les bureaux administratifs de l'entité décentralisée.

Icyiciro cya 2: Inguzanyo, impano n'ishoramari

Section 2: Loans, donations and investments

Section 2: Emprunts, dons et investissements

Ingingo ya 60: Inguzanyo

Article 60: Loans

Article 60: Emprunts

Urwego rw'ibanze rushobora kuguza amafaranga rubanje kubyemererwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze kandi hakurikijwe ibiteganywa mu itegeko ngenga ryerekeye imari n'umutungo bya Leta. Inguzanyo zigomba gukoreshwa gusa mu ishoramari hakurikijwe gahunda z'iterambere z'urwego rw'ibanze.

Article 3: Liste des explosifs utilisés dans les travaux des mines et carrières et de génie civil

Ingingo ya 4: Ihame ryo kurengera ibidukikije no kubungabunga umutekano

Article 4: Principle of environmental protection and security safeguard

Article 4: Principe de la protection de l'environnement et de la sauvegarde de la sécurité

UMUTWE WA II: GUTUMIZA MU MAHANGA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

CHAPTER II: IMPORTATION OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES

CHAPITRE II: IMPORTATION DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES

Ingingo ya 5: Abemerewe gutumiza intambi

Article 5: Persons authorized to import explosives

Article 5 : Personnes autorisées à importer des explosifs

Ingingo ya 6: Uruhushya rwo gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga

Article 6: Licence for importation of explosives and their accessories

Article 6 : Autorisation d'importation des explosifs et leurs accessoires

Ingingo ya 7: Ibisabwa uwifuzaga gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga

Article 7: Requirements for the importation of explosives and their accessories

Article 7 : Conditions requises pour l'importation des explosifs et leurs accessoires

<u>Ingingo ya 8:</u> Kugenzura intambi n'ibijyana na zo byatumijwe mu mahanga	<u>Article 8:</u> Inspection of the imported explosives and their accessories	<u>Article 8:</u> Inspection d'explosifs et leurs accessoires importés
<u>Ingingo ya 9:</u> Kunyuzwa mu Rwanda intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 9:</u> Transit of explosives and their accessories in Rwanda	<u>Article 9:</u> Transit des explosifs et leurs accessoires au Rwanda
<u>Ingingo ya 10:</u> Imisoro n'amahoro ya gasutamo y'intambi n'ibijyana na zo zatumijwe	<u>Article 10:</u> Taxes and custom duties on imported explosives and their accessories	<u>Article 10:</u> Taxes et droits douaniers des explosifs et leurs accessoires importés
<u>UMUTWE WA III:</u> GUTWARA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO	<u>CHAPTER III:</u> TRANSPORTION OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES	<u>CHAPITRE III :</u> TRANSPORT D'EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES
<u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo intambi n'ibijyana na zo zitwarwa	<u>Article 11:</u> Mode of transportation of explosives and their accessories	<u>Article 11:</u> Modes de transport d'explosifs et leurs accessoires
<u>Article 12 :</u> Amabwiriza rusange y'ubwikorezi	<u>Article 12:</u> General rules of transport	<u>Article 12 :</u> Règles générales de transport
<u>Article 13:</u> Uko imodoka zitwaye intambi n'ibijyana na zo zikurikirana mu muhanda	<u>Article 13:</u> Convoy of vehicles carrying explosives and their accessories	<u>Article 13 :</u> Convoi des véhicules transportant des explosifs et leurs accessoires
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBYEREKEYE KUBIKA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO	<u>CHAPTER IV:</u> STORAGE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES	<u>CHAPITRE IV:</u> ENTREPOSAGE DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES
<u>Ingingo ya 14:</u> Ububiko Rusange	<u>Article 14:</u> National Store	<u>Article 14 :</u> Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 15:</u> Imiterere y'Ububiko Rusange	<u>Article 15:</u> Description of the National Store	<u>Article 15 :</u> Nature de la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 16:</u> Uburyo intambi n'ibijyana na zo zipangwa mu Bubiko Rusange	<u>Article 16:</u> Storage of explosives and their accessories in the National Store	<u>Article 16 :</u> Disposition des explosifs et leurs accessoires dans la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 17:</u> Isuku y'Ububiko Rusange	<u>Article 17:</u> Cleanliness of the National Store	<u>Article 17 :</u> Propreté de la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 18:</u> Igitabo cy'ibyinjiye n'ibisohotse mu Bubiko Rusange	<u>Article 18:</u> Registry for the entries and exits in the National Store	<u>Article 18:</u> Registre des entrées et des sorties dans la Poudrière Nationale

<u>Ingingo ya 19</u> : Abakozi bakora mu Bubiko Rusange	<u>Article 19</u> : Staff of the National Store	<u>Article 19</u> : Personnel de la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 20</u> : Umutekano w'Ububiko Rusange	<u>Article 20</u> : Security of the National Store	<u>Article 20</u> : Sécurité de la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 21</u> : Amafaranga atangwa ku Bubiko Rusange	<u>Article 21</u> : Fees payable for the National Store.	<u>Article 21</u> : Frais payables pour la Poudrière Nationale
<u>Ingingo ya 22</u> : Ububiko buciriritse bwigenga bw'intambi n'ibijyana nazo	<u>Article 22</u> : Small private store of explosives and their accessories	<u>Article 22</u> : Petit stock privé des explosifs et leurs accessoires
<u>UMUTWE WA V</u> : IMIKORESHEREZE Y'INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO	<u>CHAPTER V</u> : USE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES	<u>CHAPITRE V</u> : UTILISATION DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES
<u>Ingingo ya 23</u> : Ufite ububasha bwo gukoresha intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 23</u> : Person who can use explosives and their accessories	<u>Article 23</u> : Personne pouvant utiliser les explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 24</u> : Gahunda yo gukoresha intambi	<u>Article 24</u> : Plan of using explosives and their accessories	<u>Article 24</u> : Plan d'utilisation des explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 25</u> : Impamyabumenyi n'amahugurwa ku bakoresha intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 25</u> : Certificate and training for the users of explosives and their accessories	<u>Article 25</u> : Certificat et formation pour les utilisateurs des explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 26</u> : Guteguza abatwaga ko hazaba igikorwa cyo gukoresha intambi	<u>Article 26</u> : Warning the community before using explosives	<u>Article 26</u> : Communication à la population de l'utilisation future des explosifs
<u>Ingingo ya 27</u> : Uburemere bw'umutingito uterwa no guturitsa intambi	<u>Article 27</u> : Scale of the quakes caused by the use of explosives	<u>Article 27</u> : Niveau de tremblement provoqué par l'utilisation d'explosifs
<u>Ingingo ya 28</u> : Ingano y'urusaku	<u>Article 28</u> : Decibel	<u>Article 28</u> : Décibel
<u>Ingingo ya 29</u> : Imbibizi z'amabuye asimbuka bitewe no guturitsa intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 29</u> : Distance limit of the stones ejected during blasting of explosives and their accessories	<u>Article 29</u> : Distance limite de la propulsion de pierres pendant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires

<u>Ingingo ya 30:</u> Raporo y'igikorwa cyo gukoresha intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 30:</u> Report for the use of explosives and their accessories	<u>Article 30 :</u> Rapport d'utilisation des explosifs et leurs accessoires
<u>UMUTWE WA VI:</u> IBYEREKEYE GUKORA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO	<u>CHAPTER VI:</u> MANUFACTURE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES	<u>CHAPITRE VI:</u> FABRICATION D'EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES
<u>Ingingo ya 31:</u> Uruhushya rwo gukora intambi n'ibijyana nazo	<u>Article 31:</u> Authorization of manufacturing explosives and their accessories	<u>Article 31 :</u> Autorisation de la fabrication d'explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 32:</u> Ibyo ushaka gukora intambi n'ibijyana na zo agomba kuba yujuje	<u>Article 32:</u> Requirements for the manufacturer of explosives and their accessories	<u>Article 32:</u> Conditions requises pour la fabrication d'explosifs et leurs accessoires
<u>UMUTWE WA VII:</u> GUCURUZA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO	<u>CHAPTER VII:</u> TRADE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES	<u>CHAPITRE VII:</u> COMMERCE DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES
<u>Ingingo ya 33:</u> Uruhushya rwo gucuruza intambi n'ibijyanye na zo	<u>Article 33:</u> Licence to trade explosives and their accessories	<u>Article 33:</u> Autorisation du commerce des explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 34:</u> Ibisabwa uwifuza gucuruza intambi n'ibijyana nazo	<u>Article 34:</u> Requirements for trading the explosives and their accessories	<u>Article 34 :</u> Conditions requises pour faire le commerce des explosifs
<u>Ingingo ya 35:</u> Umubare w'intambi n'ibijyana na zo ushyirwa mu iduka rizicuruza	<u>Article 35:</u> Quantity of explosives and their accessories exhibited in an authorised trader's shop	<u>Article 35:</u> Quantité d'explosifs et leurs accessoires exposable dans un magasin du commerçant
<u>Ingingo ya 36:</u> Kuva mu mwuga w'ubucuruzi bw'intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 36:</u> Termination of trading of explosives and their accessories	<u>Article 36:</u> Cessation du commerce des explosifs et leurs accessoires
<u>Ingingo ya 37:</u> Kumenyesha inzego z'umutekano ubujura n'ibura ry'intambi n'ibijyana na zo	<u>Article 37:</u> Informing security officers about the theft and the loss of explosives and their accessories	<u>Article 37:</u> Communication du vol et de la perte des explosifs et leurs accessoires aux agents de la sécurité

UMUTWE WA VIII: IGENZURA RY'UBUBIKO RUSANGE NO GUSUBIRANYA AHAKORESHEJWE INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

Ingingo 38: Komite yo kugenzura inganda n'Ububiko Rusange bw'intambi n'ibijyana na zo

Ingingo ya 39: Gusenya intambi zarengaje igihe n'izangiritse no gusubiranya aho zasenyewe

UMUTWE WA IX: INDISHYI ZIKOMOKA KU MIKORESHEREZE Y'INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

Ingingo ya 40: Abaryozwa ingaruka zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo

Ingingo ya 41 : Uruhare rw'inzego z'ibanze mu kumenya ingaruka zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo

Ingingo ya 42 : Gukemura impaka zivuka mu gutanga indishyi zikomoka ku ikoreshwa ry'intambi n'ibijyana na zo

UMUTWE WA X: IBIHANO N'INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 43 : Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 44: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

CHAPTER VIII: MONITORING OF THE NATIONAL STORE AND REMEDIATION OF THE SITE WHERE EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES HAVE BEEN USED

Article 38: Committee in charge of inspection of factories and the National Store of explosives and their accessories

Article 39: Destruction of expired or faulty explosives and their accessories and remediation of destruction

CHAPTER IX: DAMAGES RELATED TO THE USE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES

Article 40: Persons liable for the effects of the use of explosives and their accessories

Article 41: Role of the local Government authorities in the evaluation of the effects of the use of explosives and their accessories

Article 42: Settlement of dispute relating to the payment of damages related to the use of explosives and their accessories

CHAPTER X: PENALTIES AND FINAL PROVISIONS

Article 43: Repealing provision

Article 44: Commencement

CHAPITRE VIII: CONTROLE DE LA POUDRIERE NATIONALE ET AMENAGEMENT DU LIEU OU LES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES ONT ETE UTILISES

Article 38 : Comité chargé du contrôle des usines et du Stock National des explosifs et leurs accessoires

Article 39: Destruction des explosifs et leurs accessoires expirés ou détériorés et l'aménagement de leur lieu de destruction

CHAPITRE IX: DOMMAGES ET INTERETS RELEVANT DE L'UTILISATION DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES

Article 40: Personnes responsables des conséquences de l'utilisation des explosifs et leurs accessoires

Article 41 : Rôle des autorités locales dans l'évaluation des conséquences dues à l'utilisation des explosifs et leurs accessoires

Article 42 : Règlement des différends inhérents au paiement des dommages et intérêts dus à l'utilisation des explosifs et leurs accessoires

CHAPITRE X: SANCTIONS ET DISPOSITIONS FINALES

Article 43: Disposition abrogatoire

Article 44: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITRI N° 001/16.01 RYO KUWA 03/01/2012 RIGENGA INTAMBI MU MIRIMO Y'UBUCUKUZI BWA MINE NA KARIYERI NO MU BIKORWAREMEZO	MINISTERIAL ORDER N° 001/16.01 OF 03/01/2012 ON EXPLOSIVES USED IN MINING, QUARRYING AND INFRASTRUCTURE ACTIVITIES	ARRETE MINISTERIEL N° 001/16.01 DU 03/01/2012 SUR LES EXPLOSIFS UTILISES DANS DES TRAVAUX DE MINES ET CARRIERES ET D'INFRASTRUCTURES
--	---	---

Minisitiri w'Umutungo Kamere,

The Minister of Natural Resources,

Le Ministre des Ressources Naturelles,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles, 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigenga uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 11;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/4/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda, especially in Article 11;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 8/4/2005, portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en son article 11;

Ashingiye ku Itegeko n° 53/2010 ryo kuwa 25/01/2011 rishyiraho Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda (RNRA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Pursuant to Law n° 53/2010 of 25/01/2011 establishing Rwanda Natural Resources Authority (RNRA) and determining its responsibilities, organization and functioning;

Vu la Loi n° 53/2010 du 25/01/2011 portant création de l'Office Rwandais des Ressources Naturelles du Rwanda (RNRA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/8/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/8/2008 on mining and quarry exploitation, especially in Article 9;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/8/2008 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en son article 9;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 04/11/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its session of 04/11/2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 04/11/2011;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije

Iri teka rishyiraho ibya ngombwa bisabwa ku muntu ushaka uruhushya rwo gutumiza no kohereza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza no gukoresha intambi mu mirimo y'ubucukuzi bwa mine na kariyeri n'ibikorwaremezo.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **intambi:** intambi za gisivili zikoreshwa mu bikorwa by'ubucukuzi bwa mine na kariyeri n'ibikorwa remezo;
- 2° **ibijyana n'intambi:** ibintu byose byifashishwa kugira ngo intambi zikoreshwe mu mirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri n'iy'ibikorwa remezo;
- 3° **desiberi:** igipimo kigaragaza urusaku ruturutse ku kintu gituritse;
- 4° **MINADEF:** Minisiteri y'Ingabo;
- 5° **MINICOM:** Minisiteri y'Ubucukuzi n'Inganda;
- 6° **MININFRA:** Minisiteri y'Ibikorwa Remezo;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the requirements for importing and exporting, manufacturing, transporting, trading and using explosives and their accessories used in mining and quarrying activities and civil engineering works.

Article 2: Definition

In this Order, the following terms shall have the following meaning:

- 1° **dynamite:** civil explosives used in mining and quarry activities as well as in civil engineering works;
- 2° **accessories of explosives:** all materials facilitating the use of explosives in mining and quarry exploitation, as well as in civil engineering works;
- 3° **Decibel:** unit of noise caused by explosion;
- 4° **MINADEF:** Ministry of Defense;
- 5° **MINICOM:** Ministry of Trade and Industry;
- 6° **MININFRA:** Ministry of Infrastructure;

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les conditions requises pour l'importation et l'exportation, la fabrication, le transport, le commerce et l'utilisation des explosifs et leurs accessoires dans les travaux miniers et des carrières ainsi que dans ceux de génie civil.

Article 2 : Définition

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes :

- 1° **dynamite:** explosifs à usage civil utilisés dans les travaux miniers et des carrières ainsi que dans ceux de génie civil;
- 2° **accessoires des explosifs:** tout le matériel facilitant l'utilisation des explosifs dans les travaux miniers et des carrières ainsi que dans les travaux de génie civil ;
- 3° **décibel:** unité de bruit émis par toute explosion;
- 4° **MINADEF:** Ministère de la Défense ;
- 5° **MINICOM:** Ministère du Commerce et de l'Industrie;
- 6° **MININFRA:** Ministère des infrastructures;

Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012

7° **MININTER:** Minisiteri y’Umutekano mu Gihugu;

8° **Ububiko rusange:** Aho babika intambi n’ibijyana na zo mu rwego rw’Igihugu;

9° **RBS:** Ikigo cy’Igihugu Gitsura Ubuziranenge;

10° **RDF:** Ingabo z’Igihugu;

11° **REMA:** Ikigo cy’Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije;

12° **RNP:** Polisi y’u Rwanda.

7° **MININTER:** Ministry of Internal Security;

8° **National store:** Site in which explosives and their accessories are stored at the national level;

9° **RBS:** Rwanda Bureau of Standards;

10° **RDF:** Rwanda Defense Forces;

11° **REMA:** Rwanda Environment Management Authority;

12° **RNP:** Rwanda National Police.

7° **MININTER:** Ministère de la Sécurité Intérieure;

8° **Poudrière nationale:** endroit où l’on entrepose des explosifs et leurs accessoires à l’échelle nationale;

9° **RBS:** Office Rwandais de Normalisation;

10° **RDF:** Forces Rwandaises de Défense;

11° **REMA:** Office Rwandais pour la Gestion de l’Environnement;

12° **RNP:** Police Nationale du Rwanda.

Ingingo ya 3: Urutonde rw’intambi n’ibijyana na zo zikoreshwa mu mirimo y’ubucukuzi bwa mine na kariyeri no mu bikorwaremezo

Muri iri teka, intambi n’ibijyana na zo ni izikoreshwa mu bikorwa by’ubucukuzi bwa mine na kariyeri n’ibikorwaremezo zirengeje umuvuduko wa 2000m/s.

1° Intambi zinjira cyangwa zicurirwa mu Rwanda ku mirimo y’ubucukuzi bwa mine na kariyeri no mu bikorwaremezo bya gisivili ni izi zikurikira:

a) Nitrate fuel ifite umuvuduko wa 3500m/s ;

Article 3: List of explosives used in mining and quarrying activities and in civil engineering works

In this Order, explosives and their accessories are those used in mining and quarry activities and in civil engineering works with the speed beyond 2000m/s.

1° Imported explosives manufactured in Rwanda used in mining and quarry exploitation and civil engineering works are the following:

a) Nitrate fuel with a speed of 3500m/s;

Article 3: Liste des explosifs utilisés dans les travaux des mines et carrières et de génie civil

Aux fins du présent arrêté, les explosifs et leurs accessoires sont ceux utilisés dans les travaux des mines et carrières ainsi que ceux de génie civil dont la vitesse de réaction est supérieure à 2000 m/s.

1° Les explosifs importés ou fabriqués au Rwanda pour l’exploitation des mines et des carrières et des travaux de génie civil sont les suivants :

a) Nitrate fuel dont la vitesse est de 3500m/s;

b) Emulsion ifite umuvuduko wa 5000 m/s ;

c) Dynamite ifite umuvuduko wa 6500m/s ;

d) Pentrite ifite umuvuduko wa 8000m/s.

2° amasasu akoresha amashanyarazi;

3° amasasu adakoresha amashanyarazi;

4° imigozi ituritswa;

5° intambi zikoreshwa mu mikino.

b) Emulsion with a speed of 5000 m/s;

c) Dynamite with a speed of 6500m/s;

d) Pentrite with a speed of 8000m/s.

2° electric detonators;

3° non-electric detonators;

4° detonating cordons;

5° fireworks.

b) Emulsion dont la vitesse est de 5000 m/s;

c) Dynamite dont la vitesse est de 6500m/s;

d) Pentrite dont la vitesse est 8000m/s.

2° les détonateurs électriques;

3° les détonateurs ordinaires;

4° les cordons détonants;

5° les feux d'artifice.

Ingingo ya 4: Ihame ryo kurengera ibidukikije no kubungabunga umutekano

Umuntu wese utumiza cyangwa wohereza mu mahanga, unyuza mu Rwanda, utwara, ukoresha, ukora intambi n'ibijyana na zo cyangwa uzicuruza, afite inshingano zo kudahungabanya amategeko arebana n'ibidukikije n'umutekano.

UMUTWE WA II: GUTUMIZA MU MAHANGA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

Ingingo ya 5: Abemerewe gutumiza intambi

Gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga bishobora gukorwa n'umuntu ku giti cye, isosiyete,

Article 4: Principle of environmental protection and security safeguard

Any person who imports or exports, transits, transports, uses, manufactures explosives and their accessories or trades in Rwanda, has the obligation to abide by legislation relating to the environment and security preservation.

CHAPTER II: IMPORTATION OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES

Article 5: Persons authorized to import explosives

Importation of explosives and their accessories may be authorized to an individual, a company, an

Article 4: Principe de la protection de l'environnement et de la sauvegarde de la sécurité

Toute personne qui importe ou exporte, transite au Rwanda, transporte, utilise, fabrique des explosifs et leurs accessoires ou en fait le commerce, est tenue de respecter la législation relative à l'environnement et à la sécurité.

CHAPITRE II: IMPORTATION D'EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES

Article 5 : Personnes autorisées à importer des explosifs

L'importation d'explosifs et leurs accessoires peut être effectuée par une personne physique, une

ishyirahamwe cyangwa umuryango bifite ubuzima gatozi kandi byujuje ibiteganyijwe bisabwa muri iri teka.

Ingingo ya 6: Uruhushya rwo gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga

Utumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga agomba kuba abifitiye uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite Umutekano mu nshingano ze.

Uruhushya rwo gutumiza intambi n'ibijyanye nazo mu mahanga rugomba kugaragaza:

- 1° itariki n'aho rwatangiwe;
- 2° itariki ruzarangiriraho;
- 3° igihugu zizagurwamo;
- 4° abo zigenewe bwa nyuma;
- 5° imiterere n'uko zingana;
- 6° ibihugu zizanyuzwamo.

Uruhushya rwo gutumiza intambi n'ibijyana na zo rukoresha rimwe gusa. Ikoreshwa ryarwo rigaragazwa na kashe ya Biro y'Ububiko Rusange yazakiriye.

Ingingo ya 7: Ibisabwa uwifuza gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu mahanga

Uwifuza gutumiza intambi n'ibijyana na zo mu

association or an entity having the legal personality subject to the conditions provided for in this Order,

Article 6: Licence for importation of explosives and their accessories

An importer of explosives and their accessories must have an importation license issued by the Minister in charge of security.

The license for importation of explosives and their accessories shall mention:

- 1° the date and place of issue;
- 2° the date of expiry;
- 3° the country of import;
- 4° end-users;
- 5° the nature and quantity of explosives;
- 6° transit countries of explosives.

The license to import explosives and their accessories shall be used only once. Its use shall be proved by the seal of the National Store of explosives.

Article 7: Requirements for the importation of explosives and their accessories

A person who wants to import explosives and their

société, une association ou une personne morale ayant la personnalité juridique et remplissant les conditions prévues dans le présent arrêté.

Article 6 : Autorisation d'importation des explosifs et leurs accessoires

Un importateur d'explosifs et leurs accessoires doit être muni d'une autorisation délivrée par le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions.

L'autorisation d'importation d'explosifs et leurs accessoires doit mentionner:

- 1° la date et le lieu de délivrance;
- 2° la date d'expiration;
- 3° le pays d'importation;
- 4° leurs destinataires;
- 5° leur qualité et leur quantité;
- 6° les pays de transit.

L'autorisation d'importation d'explosifs et leurs accessoires est utilisée une seule fois. Son utilisation est prouvée par le cachet de la Poudrière Nationale qui les a réceptionnés.

Article 7 : Conditions requises pour l'importation des explosifs et leurs accessoires

Toute personne qui veut importer les explosifs et

mahanga agomba kuzuza ibi bikurikira:

- 1° kugeza ibaruwa isaba gutumiza mu mahanga intambi n'ibijyana nazo kuri Minisitiri ufite ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu nshingano ze, maze nawe, amaze kugenzura umubare w'intambi n'ibijyana nazo usabwa n'ubukenerwe bwazo, akandika amusabira Minisitiri ufite Umutekano mu nshingano ze;
- 2° kuba yanditse mu bitabo by'ubucuruzi;
- 3° kuba nibura afite imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
- 4° kuba afite icyemezo cya muganga wemewe na Leta cy'uko atarwara indwara zo mu mutwe;
- 5° ku wari asanzwe abibonera uburenganzira, gutanga raporo yerekana uko intambi n'ibijyana na zo yari asanganwe zakoreshejwe n'ingano y'izo asigaranye;

Ibisabwa mu duce twa 3° na 4° bireba gusa umuntu ku giti cye.

Ingingo ya 8: Kugenzura intambi n'ibijyana na zo byatumijwe mu mahanga

Intambi n'ibijyana na zo byatumijwe mu mahanga bigamije gukoresherezwa mu gihugu imbere byinjizwa mu Bubiko Rusange hamaze kugenzurwa ko bihuje n'ibyasabiwe uruhushya rwo kubatumiza.

accessories shall fulfil the following conditions:

- 1° to address an application letter requesting to import explosives and their accessories to the Minister in charge of mining and quarries, who, after verifying the quantity of the required explosives, their accessories and their necessity, makes a written request for authorisation from the Minister in charge of security;
- 2° to hold a trade license;
- 3° be at least twenty-one (21) years of age;
- 4° have a medical certificate issued by an authorized medical doctor, stating that he/she has no mental illness;
- 5° for a former licence holder, to provide a report of the use of the precedent explosives and their accessories and the quantity of those which remain;

Points 3° and 4° of this Article apply only to natural persons.

Article 8: Inspection of the imported explosives and their accessories

Imported explosives and their accessories to be used inside the country shall be kept in the National Store subject to the inspection of their conformity to those of which the importation license has been issued.

leurs accessoires doit remplir les conditions suivantes :

- 1° adresser une lettre de demande d'importation d'explosifs et leurs accessoires au Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions qui, après vérification de la quantité des explosifs et leurs accessoires et leur nécessité, fait une demande écrite d'octroi d'une autorisation par le Ministre ayant la sécurité dans ses attributions;
- 2° être immatriculé au registre du commerce;
- 3° être âgé au moins de vingt et un (21) ans;
- 4° avoir un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'elle ne souffre pas de maladies mentales;
- 5° pour un ancien bénéficiaire d'autorisation, donner le rapport de l'utilisation des explosifs et leurs accessoires précédents ainsi que la quantité de ceux qui restent;

Les points 3° et 4° du présent article ne concernent que des personnes physiques.

Article 8: Inspection des explosifs et leurs accessoires importés

Les explosifs et leurs accessoires importés et destinés à être utilisés à l'intérieur du pays n'entrent dans la Poudrière Nationale qu'après l'inspection de leur conformité à la licence d'importation.

Iyo bigaragaye ko ibyatumiye bitandukanye n'ibyatangiwe uruhushya, byegurirwa Leta iyo bitegetswe gutyo.

Ingingo ya 9: Kunyuzwa mu Rwanda intambi n'ibijyana na zo

Intambi n'ibijyana na zo zinyuzwa mu Rwanda zijya mu bindi bihugu ziherekezwa na Polisi y'u Rwanda kugeza zivuye ku butaka bw'u Rwanda.

Amafaranga Police y'u Rwanda ihabwa kuri ako kazi agenwa hakurikijwe ibirometero byagenzwe.

RURA igena amafaranga atangwa kuri buri kilometero.

Ingingo ya 10: Imisoro n'amahoro ya gasutamo y'intambi n'ibijyana na zo zatumijwe

Kugenzurwa kw'imisoro n'amahoro ya gasutamo ku ntambi n'ibijyana na zo zatumijwe mu mahanga bikorerwa ku Bubiko Rusange.

UMUTWE WA III: GUTWARA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

Ingingo ya 11: Uburyo intambi n'ibijyana na zo zitwarwa

Intambi n'ibijyana na zo bishobora gutwarwa mu modoka, mu bwato, mu ndege cyangwa muri gari ya moshi yabyemerewe.

If it is proved that the imported elements differ from those for which the importation license was granted, they shall be confiscated by the State, if so decided.

Article 9: Transit of explosives and their accessories in Rwanda

The explosives and their accessories that are in transit in Rwanda to a foreign country shall be escorted by the Rwanda National Police until they reach the exit border.

The expenses paid to the Rwanda National Police shall be calculated according to the distance made.

RURA shall fix the cost per kilometer.

Article 10: Taxes and custom duties on imported explosives and their accessories

Inspection of taxes and custom duties of explosives and their accessories shall be carried out in National store.

CHAPTER III: TRANSPORT OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES

Article 11: Mode of transportation of explosives and their accessories

Explosives and their accessories may be transported by vehicle, boat, ship, aircraft or by train duly authorised.

S'il s'avère que les éléments importés diffèrent de ceux mentionnés dans la licence d'importation, ils sont confisqués par l'Etat s'il en est décidé ainsi.

Article 9: Transit des explosifs et leurs accessoires au Rwanda

Les explosifs et leurs accessoires transitant au Rwanda vers l'extérieur sont escortés par la Police Nationale du Rwanda jusqu'à la frontière.

Les frais payés à la Police Nationale du Rwanda sont calculés selon les kilomètres parcourus.

RURA décide du coût par kilomètre.

Article 10: Taxes et droits douaniers des explosifs et leurs accessoires importés

L'inspection fiscale des explosifs et leurs accessoires importés s'effectue dans la Poudrière Nationale.

CHAPITRE III: TRANSPORT D'EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES

Article 11: Modes de transport d'explosifs et leurs accessoires

Les explosifs et leurs accessoires peuvent être transportés soit par véhicule, bateau, avion ou par train dûment autorisé.

Article 12 : Amabwiriza rusange y'ubwikorezi

Mu gutwara intambi n'ibijyana nazo hubahirizwa ibi bikurikira:

- 1° Hagomba gukorwa ibyangombwa byose kugira ngo mu gutwara intambi n'ibijyana na zo zidashobora kuva mu byo zirimo, kwihonda ku kintu cyangwa ngo kwikubanaho;
- 2° mu gihe zitwawe, intambi n'ibijyana na zo zigomba gukomeza kurindirwa mu gipfunyika cy'aho zatumijwe cyangwa icyabugenewe kugeza zigejejwe mu Bubiko Rusange;
- 3° intambi n'ibijyana na zo zigomba kurindwa kwegerana n'ikintu icyo ari cyo cyose gitanga umuriro cyangwa gishobora kubyara ibishashi;
- 4° birabujijwe gutwarira mu gipfunyika kimwe intambi n'ibijyana na zo zidahujwe ubwoko.

Article 13 : Uko imodoka zitwaye intambi n'ibijyana na zo zikurikirana mu muhanda

Mu gihe imodoka zishoranywe mu muhanda, imodoka itwaye intambi igomba gutandukanwa n'itwaye ibijyana na zo n'intera ya metero magana abiri (200 m) nibura kandi umuvuduko wayo nturunge kilometero mirongo itanu mu isaha (50 km/h).

Article 12: General rules of transport

The transport of explosives and their accessories shall respect the following modalities:

- 1° Necessary care shall be taken so that, while carrying explosives and their accessories, they are not likely to move from their position or to be subjected to shocks or frictions;
- 2° explosives and their accessories shall be protected within their original packages or any other appropriate package until they are stored in the National Store;
- 3° explosives and their accessories must be protected from risks of sparks or against any inflammable object;
- 4° explosives and their accessories of a different kind shall not be carried in the same container.

Article 13: Convoy of vehicles carrying explosives and their accessories

A convoy of vehicle transporting explosives shall be separated from a vehicle carrying accessories, by two hundred meters (200 m) at least and not exceed the speed of fifty kilometers per hour (50km/h).

Article 12 : Règles générales de transport

Le transport d'explosifs et leurs accessoires respecte les modalités suivantes :

- 1° Toutes dispositions doivent être prises pour que, pendant leur transport, les explosifs et leurs accessoires ne risquent pas de se déplacer sur leur support ni d'être soumis à des chocs ou à des frottements ;
- 2° au cours de leur transport, les explosifs et leurs accessoires doivent rester protégés dans leur emballage d'origine ou un emballage approprié jusqu'à la Poudrière Nationale ;
- 3° les explosifs et leurs accessoires doivent être protégés contre les risques d'étincelles et contre tout objet inflammable ;
- 4° il est interdit de transporter dans un même contenant des explosifs et leurs accessoires qui ne sont pas de même nature.

Article 13 : Convoi des véhicules transportant des explosifs et leurs accessoires

Dans un même convoi, un véhicule transportant des explosifs doit être séparé de celui qui transporte leurs accessoires par une distance de deux cent mètres (200 m) au moins et leur vitesse ne doit pas dépasser cinquante kilomètres par heure (50km/h).

Imodoka itwaye intambi n'ibijyana na zo igomba kuba ifite ibizimya muriro n'ibindi bimenyetso biyitandukanya n'izindi. Byongeye kandi, iyo modoka igomba kuba ifite ikirango cyanditsemo aya magambo agaragara neza: **ibintu byakwangiza ubuzima.**

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE KUBIKA INTAMBI N'IBIJYANA NA ZO

Ingingo ya 14: Ububiko Rusange

Intambi n'ibijyana na zo zibikwa mu Bubiko Rusange bwabugenewe. Ikigo cy'igihugu gifite mine mu nshingano zacyo gishobora gushyiraho Ububiko Rusange bw'intambi.

Abikorera bubahirije ibivugwa mu ngingo ya 22 y'iri teka bashobora gushyiraho ububiko rusange bashingiye ku masezerano bagirana na Minisitiri ufite mine na kariyeri mu nshingano ze.

Bitanyuranyije n'ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, buri wese ufite ibikorwa bikoresha intambi ashobora kugira ububiko bwe butoya azibikamo zivuye mu Bubiko Rusange ariko intambi zibikwamo ntizirenze izikenewe gukoreshwa mu gihe cy'ukwezi kumwe.

Ingingo ya 15: Imiterere y'Ububiko Rusange

Ububiko Rusange bushobora kuba bwubatswe mu

A vehicle carrying explosives and their accessories shall be provided with a suitable fire protection device and signals identifying it from others and shall have a clearly visible warning: **dangerous products.**

CHAPTER IV: STORAGE OF EXPLOSIVES AND THEIR ACCESSORIES

Article 14: National Store

Explosives and their accessories shall be kept in a suitable National Store. The national authority in charge of mines may establish the National Store.

Private persons who fulfil the requirements listed in Article 22 of this Order may establish a public store pursuant to a contract with Minister in charge of mines and quarries.

Notwithstanding the provisions of paragraph 1 of this article, a person carrying out activities requiring the use of explosives and their accessories may own a small stock of explosives and the latter shall not exceed the needed quantity for a period of one month.

Article 15: Description of the National Store

The National Store may be built under ground or on

Un véhicule transportant des explosifs et leurs accessoires doit être muni d'un dispositif anti-incendie approprié et des signaux qui le distinguent des autres. Ce véhicule doit par ailleurs porter cette mention clairement visible: **produits dangereux.**

CHAPITRE IV: ENTREPOSAGE DES EXPLOSIFS ET LEURS ACCESSOIRES

Article 14 : Poudrière Nationale

Les explosifs et leurs accessoires sont stockés dans la Poudrière Nationale appropriée. L'office rwandais ayant les mines dans ses attributions peut installer une poudrière nationale.

Les personnes privées en conformité avec les dispositions de l'article 22 du présent arrêté peuvent installer la poudrière publique sur la base d'un contrat signé avec le Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier de cet article, toute personne ayant les activités exigeant l'utilisation des explosifs et leurs accessoires peut avoir sa propre petite poudrière sur chantier, approvisionnée à partir de la Poudrière Nationale avec un stock ne dépassant pas sa consommation mensuelle.

Article 15 : Nature de la Poudrière Nationale

La Poudrière Nationale peut être construite dans le

Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012

kuzimu cyangwa imusozi kandi bugomba kuba bwujuje ibi bikurikira:	the ground and must fulfil the following standards:	sous-sol ou sur le sol et doit remplir les conditions suivantes:
1° kuba bwubitse mu buryo ibirimo bitagerwaho n'ubukonje cyangwa ubushyuhe bwatuma byangirika cyangwa bigateza impanuka;	1° to be built so that explosives and their accessories are not exposed to moisture or heat likely to cause their deterioration or an accident;	1° être construite de façon que les explosifs et leurs accessoires ne soient pas exposés à l'humidité ou à la chaleur susceptible de provoquer leur détérioration ou un accident ;
2° kuba bufite ibizimya muriro;	2° to have the fire extinguishers;	2° avoir les dispositifs anti-incendie ;
3° kuba bwitaruye ahatuwe n'abantu cyangwa ahakorerwa imirimo itandukanye;	3° to be far away from residential areas or the places where various activities take place;	3° être éloignée des endroits habités ou des endroits où s'exercent diverses activités;
4° kuba bwubitse kure y'aho umuriro utagera ku buryo bworoshye;	4° to be far away from a place where fire can not easily reach;	4° être éloignée d'un endroit que le feu peut atteindre facilement;
5° kuba bwubitse mu buryo kwiba ibirimo byagorana.	5° to be built so that the robbery is not easy.	5° être construite de façon que le vol s'avère difficile.

Ingingo ya 16: Uburyo intambi n'ibijyana na zo zipangwa mu Bubiko Rusange

Intambi n'ibijyana na zo zigomba gupangwa neza mu bubiko hakurikijwe imiterere ya buri bwoko. Zigomba kandi kuba ziteretse ku bintu byabugenewe.

Ingingo ya 17: Isuku y'Ububiko Rusange

Impande y'Ububiko Rusange hagomba kuba ibimenyetso bigaragaza ko aho hantu ari aho kwitonderwa kandi hagahora hagirirwa isuku mu rwego rwo kwirinda impanuka.

Article 16: Storage of explosives and their accessories in the National Store

Explosives and their accessories shall be properly arranged in the store according to their nature. They shall be kept on appropriate fixtures.

Article 17: Cleanliness of the National Store

There shall be the signs showing that the place is dangerous and necessitates cleanliness near the National Store, in order to fight against accidents.

Article 16 : Disposition des explosifs et leurs accessoires dans la Poudrière Nationale

Les explosifs et leurs accessoires doivent être bien disposés suivant leur nature. Ils doivent en outre être déposés sur les objets appropriés.

Article 17 : Propreté de la Poudrière Nationale

A côté de la Poudrière Nationale, il doit y avoir les signes montrant que le lieu est dangereux et qu'il nécessite la propreté en vue de lutter contre les accidents.

Official Gazette n° 03 bis of 16/01/2012

Birabujijwe kunywera itabi hafi y'ububiko rusange, kuhinjirana ibibiriti cyangwa telefone zigendanwa.	It is prohibited to smoke nearby the store, to enter with matches or mobile phones.	Il est interdit de fumer tout près de la poudrière, d'y entrer avec des allumettes ou des téléphones mobiles.
Ibisabwa ku isuku y'Ububiko Rusange ni na byo bisabwa ku muntu ufite ububiko bwe buciriritse buvugwa mu ngingo ya 22 y'iri teka.	The conditions required for the safety of the National Store are the same for the holder of a small stock mentioned in Article 22 of this Order.	Les conditions exigées pour la propreté de la Poudrière Nationale sont les mêmes pour le détenteur d'un petit stock mentionné à l'article 22 du présent arrêté.
<u>Ingingo ya 18:</u> Igitabo cy'ibyinjiye n'ibisohotse mu Bubiko Rusange	<u>Article 18:</u> Registry for entries and exits in the National Store	<u>Article 18:</u> Registre des entrées et des sorties dans la Poudrière Nationale
Ububiko Rusange bugomba kubika igitabo cyandikwamo ibyinjiye n'ibisohotse, ubyinjiye cyangwa ubisohoye, ubwoko na nimero za plaki y'imodoka ibitwaye, itariki n'isaha byinjiriyeho cyangwa bisohokeye.	The National Store shall keep a registry to record the entries and exits, the name of the person who puts them in or gets them out, the type of the vehicle and the number plate of the vehicle used to carry them, the date and time of their entry or exit.	La Poudrière Nationale doit tenir un registre où seront reportés les entrées et les sorties, le nom de la personne qui procède à ces opérations, la marque et le numéro de plaque du véhicule qui les transporte, la date et l'heure de leur entrée ou de leur sortie.
Iki gitabo kigomba kuba gifite ikirango cyacyo kizwi, impapuro zacyo ziriho inomeru zikurikiranye kandi kigomba kwerekwa abashinzwe kukigenzura bagomba kugishyiraho umukono buri gihe uko baje.	This registry shall have its known identification sign, its numbered pages and regularly checked by inspectors who put their signatures whenever they come.	Ce registre doit avoir son propre signe distinctif, ses pages numérotées et doit être contrôlé par des inspecteurs qui y apposent leur signature chaque fois qu'ils viennent.
<u>Ingingo ya 19:</u> Abakozi bakora mu Bubiko Rusange	<u>Article 19:</u> Staff of the National Store	<u>Article 19 :</u> Personnel de la Poudrière Nationale
Abakozi b'Ububiko Rusange bagomba kuba bafite ubumenyi mu bijyanye n'intambi n'ibijyana na zo.	The staff of the National Store shall be qualified in the field of explosives and their accessories.	Le personnel de la Poudrière Nationale doit être qualifié dans la matière des explosifs et leurs accessoires.
<u>Ingingo ya 20:</u> Umutekano w'Ububiko Rusange	<u>Article 20:</u> Security of the National Store	<u>Article 20 :</u> Sécurité de la Poudrière Nationale
Ububiko Rusange bugomba kugira uburinzira	The National Store shall be permanently protected	La sécurité de la Poudrière Nationale doit être

buhoraho kandi n'ibimenyetso bibuza kuhakorera imirimo yose yateza impanuka. Bugomba gushyirwaho urutsinga rurinda inkuba kandi bugomba kuba buzitiye.

Ingingo ya 21: Amafaranga atangwa ku Bubiko Rusange

RURA igena amafaranga atangwa ku Bubiko Rusange, hakurikijwe ingano y'ibibitswe n'igihe bihamara

Ingingo ya 22: Ububiko buciriritse bwigenga bw'intambi n'ibijyana nazo

Umuntu wese wemerewe gukoresha intambi n'ibijyana nazo ashobora kugira ububiko buciriritse hafi y'aho akorera ibikorwa bye.

Mbere yo kubufungura, abimenyesha Komite Ngenzuzi Ihoraho ivugwa mu ngingo ya 37 y'iri teka, kugira ngo iyemere.

Ibisabwa ushaka gufungura ububiko buciriritse, imiterere yabwo, uburyo intambi n'ibijyana na zo zipangwa, isuku, igitabo cy'ibyinjiye n'ibisohoka, abakozi bakora mu bubiko n'uburinzi bw'ububiko ni bimwe n'ibisabwa ku Bubiko Rusange.

under tight security and shall have signs prohibiting all the activities likely to cause accidents. It must be fenced and equipped with devices against thunderstorm.

Article 21: Fees payable for the National Store.

RURA shall determine the costs paid to the National Store, based on the quantity of explosives and the duration of their storage.

Article 22: Small private store of explosives and their accessories

A person allowed to use explosives and their accessories may have a private small store near his/her site of operation.

Before its opening he/she shall inform the Permanent Inspection Committee as provided for in Article 37 of this Order for approval.

Requirements to a person who wants to open a private small store, description, storage of explosives and their accessories, cleanliness, registry for the entries and the exits, the staff and the security are the same as those required for a National Store.

régulièrement assurée et avoir des signes interdisant toutes les activités susceptibles de provoquer des accidents. Elle doit être clôturée et munie d'un système de paratonnerre.

Article 21 : Frais payables pour la Poudrière Nationale

RURA détermine les frais à payer pour la Poudrière Nationale, selon la quantité des explosifs et la durée de leur entreposage.

Article 22 : Petit stock privé des explosifs et leurs accessoires

